REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE
INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA HUYE YATERANYE KUWA 27 WERURWE 2015.

IRIBURIRO

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 27 Werurwe2015, yitabirwa n'abajyanama 25 kuri 29 bagombaga kuyitabira.

INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

- Kurahiza umujyanama uhagarariye abikorera mu Karere Bwana BYEMAYIRE Lambertna Bwana NDAYISABA Salvator uhagarariye abafite ubumuga.
- Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 30/12/2014 no kureba uko ibyemezo byayifatiwemo byashyizwe mu bikorwa.
- Kureba aho imihigo y'Akarere 2014-2015 igeze ishyirwa mu bikorwa.
- Gusuzuma raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere 2014-2015
- Gusuzuma raporo ya Komite Ngenzuzi.
- Kwemeza imyanzuro ya Komisiyo za Njyanama.
- Kwemeza igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka cy'Akarere.
- Kwemeza ''Expropriations'' zasabwe.
- Ibindi:
    - Service Charter y'Akarere ka Huye

- Ibibazo by'abaturage ku bijyanye n'itegeko nshinga
- Itariki y'inama itaha.

Mu byemezo by'ingenzi byafashwe harimo:

i. Kwakira indahiro y'umujyanama uhagarariye abafite ubumuga Bwana NDAYISABA Salvator;
ii. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 30 Ukuboza 2014, imaze kuyikorera ubugororangingo;
iii. Kwemeza raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere 2014-2015;
iv. Kwemeza raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere 2014-2015;
v. Kwemeza imyanzuro ya Komite Ngenzuzi;
vi. Kwemeza imyanzuro ya Komisiyo za Njyanama y'Akarere imaze kuyunguranaho ibitekerezo;
vii. Kwemeza igishushanyombonera cy'imikoreshereze cy'ubutaka cy'Akarere
viii. Kwemeza ''expropriations'' zasabwe.
ix. Kwemeza'Service charter'' ivuguruye y'Akarere,Imirenge n'Utugari.
x. Gushyikiriza Inteko ishinga amategeko imitwe yombi icyifuzo cy'abaturage ba Huye cyerekeranye no guhindura ingingo n°101 y'Itegeko nshinga.

IBYEMEZO.

1. Inama Njyanama yakiriye indahiro y'Umujyanama mushya uhagarariye abafite ubumuga mu Karere ka Huye.

2. Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 30 Ukuboza 2014, imaze kuyikorera ubugororangingo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane bw'abitabiriye inama.

3. Inama Njyanama imaze kugezwaho aho imihigo y'Akarere ka Huye y'umwaka wa2014-2015 igeze ishyirwa mu bikorwa yashimye uko irimo gushyirwa mu bikorwa, maze ifata imyanzuro ikurikira:

- Yasabye ko imihigo itarashyirwa mu bikorwa ku kigero gishimishije yashyirwamo ingufu kugirango imihigo yose izagera ku 100%;
- Inama Njyanama yasabye ubuyobozi bw'ibitaro by'Akarere kwita ku kibazo cy'abantu bambura ibitaro kubera kubura ubwishingizi mu kwivuza.
- Inama Njyanama yemeje ko hazategurwa icyumweru cya Njyanama hagakorwa ubukangurambaga no gusura ibikorwa bitandukanye. Umunsi wo gusura ibyo bikorwa uzaba kuwa 08/05/2015.
- Inama Njyanama yemeje ko hashyirwaho uburyo buhamye bwo kurwanya isuri ku misozi ikikije KADAHOKWA mu rwego rwo kurinda urwo ruganda rw'amazi.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

4. Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere 2014-2015 kuva muri Nyakanga 2014 kugeza muri Werurwe 2015 yagejejweho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Huye, yasabye ko yakwihutishwa kugirango ibikorwa byateganirijwe iyo ngengo y'imari bizarangire mu gihe cyateganijwe.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

5. Inama Njyanama yasabye Komisiyo ya Njyanama y'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage kuzasura abana baba baravuye i Wawa kwiga imyuga, mu rwego rwo kugirango barebe uburyo babayeho nyuma yo gusubira mu buzima busanzwe.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

6. Inama Njyanama yasabye inzego zishinzwe kwishyura ''factures'' z'abantu baba bakoze ibikorwa bitandukanye mu karere kureba niba uburyo bwo kubishyura butahinduka bigasubira uko byahoze mbere. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

7. Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo ya Komite Ngenzuzi y'Akarere yayiganiriyeho irayemeza, maze ifata imyanzuro ikurikira:

- Raporo z'imari zose za buri kwezi zigomba gukorerwa igihe kandi byaba bidakozwe abashinzwe gukora izo raporo bakabibazwa.

- Gukora''banque reconciliation'' za buri kwezi bizatuma hatabaho gukura amafaranga kuri konti y'Akarere nta mpamvu nibwo buryo buzatuma konti z'Akarere zicungwa neza.
- Abakozi bashinzwe gukora raporo z'imari na raporo z'imisoro bagomba guhuza imibare kugirango hirindwe ibinyuranyo bigaragara mu ma raporo.
- Imisoreshereze mu masoko y'Akarere igomba gukurikranwa, urutonde rw'abakoreramo rukanozwa kandi abasoresha yaba Rwiyemezamirimo cyangwa ba''percepteurs'' bagakurikiranwa bakageza kuri ''target''Akarere kihaye.
- Raporo zitangwa z'ibigonderabuzima z'imari za buri kwezi zigomba kugaragaramo konti zose z'ikigonderabuzima.
- Ubuyobozi bw'Akarere burasabwa kurushaho gukurikiranira hafi uko amafaranga asohorwa mu bigo no guha ibigo amabwiriza y'impapuro zikenewe mu gusohora amafaranga ya Leta.
- Ku birebana n'amafaranga menshi mu isanduku ntoya(petty cash) , ubuyobozi bw'Akarere burasabwa kwibutsa umwanzuro wafashwe mu Nama Njyanama w'uko aho bishoboka petty cash yakurwaho, ahubwo hakajya hakoreshwa banki nk'uko ku karere bimeze aho bidakunze ntibarenze amafaranga yagenwe n'itegeko.
- Ubuyobozi bw'Akarere burasabwa kuzahamagaza Umuyobozi w'ivuriro rya Mbazi muri Komite ngengamyitwarire(Comité de discipline) wagaragaweho n'amakosa yo kwishyura mission ebyiri umunsi umwe agasobanura impamvu z'iyo mikorere.
- Ku birebana n'ikibazo cyo mu Murenge wa Kigoma, abajyanama basabye ko habaho''investigation'' byagaragara ko habayeho kwigana umukono koko uwabikoze akabihanirwa.
- Ku birebana na raporo y'ubugenzuzi yakorewe ikusanirizo ry'amata, hashimwe uburyo Akarere kafashije ikusanyirizo kagaragaza ibibazo ryari rifite ndetse hanasabwa ko Akarere kakomeza kubafasha kubishakira umuti urambye.
- Abajyanama basabye umugenzuzi ko mu gihe hakorwa gahunda y'ibikorwa y'umugenzuzi bwite w'Akarere y'umwaka, azajya ashyiramo kugenzura

Akarere nibura buri gihembwe kugirango afashe serivisi y'imari kunoza raporo.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

8. Inama Njyanama imaze kugezwaho imyanzuro ya Komisiyo ziyigize, yemeje imyanzuro ikurikira:

a. Nyuma yo kuganira ku birarane by'imisoro abantu babereyemo Akarere ka Huye, abagize Komisiyo basanze Akagari ka Kaburemera katari mu gishushanyo mbonera cy'Umujyi, bityo rero abaturage bako bakaba batagomba gusabwa imisoro y'ubukode bw'ubutaka.
b. Abagize Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu bemeje ko abantu batuye mu mujyi bafite ibyangombwa byanditseho frws 0 babarurwa bakamenyekana, noneho bakajya basoreshwa hashingiwe ku gaciro ka m^2 n'ingano y'ikibanza; Inama Njyanama ikazabifataho icyemezo.
c. Komisiyo yemeje ko ababarwaho amadeni kandi barishyuye imisoro yabo, bahanagurwa kuri ''rapport financier'' naho abishyuye batazwi bagashakishwa bakamenyekana kugirango bakomeze basore.
d. Komisiyo yemeje kandi ko abishyuye make harimo uburiganya bagomba gukurikiranwa, bakishyura ajyanye n'ibyangombwa by'ubutaka byaba ngombwa bagacibwa amande.
e. Komisiyo yemeje ko umuntu wese wanditse agaragaza ko atarabona ibyangombwa by'ubutaka agomba gukurirwaho imisoro.
f. Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gukurikirana uko Inama Njyanama z'Imirenge zikorwa ''régulièrement'' kandi zikurikije amategeko, ibyo bikazagaragarira muri raporo Komite Nyobozi igeza ku Nama Njyanama y'Akarere.
g. Nyuma yo kubona ko ibitabo by'irangamimerere bituzuzwa uko bikwiye, Komisiyo y'imiyoborere myiza irasaba Komite nyobozi y'Akarere kugenzura buri gihembwe iyubahirizwa ry'iyuzuzwa ry'ibyo bitabo.
h. Nyuma y'umuganda udasanzwe wihariye w'urubyiruko wabaye mu kwezi kwa Werurwe 2015, hashingiwe ku musaruro wavuyemo, hemejwe ko umuganda nkuyu wateguwe neza wajya uba kabiri mu mwaka mu karere ka

Huye bitagombye ko utegurwa na Minisiteri, bityo inzego zihagarariye urubyiruko zikajya ziwuteganya mu iteganyabikorwa ryazo rya buri mwaka.

i. Nyuma yo gusuzuma uburyo abanyeshuri bo mu bigo by'amashuri yisumbuye mu Karere ka Huye bagiye batsinda ibizamini bya Leta by'umwaka wa 2014, hemejwe ko ibigo bitatsindishije abanyeshuri neza, abayobozi babyo bazahamagazwa na Komite Nyobozi y'Akarere kugirango baganirizwe ariko banagirwe inama yo kurushaho kwita ku nshingano zabo.

Iyi myanzuro yemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

9. Inama Njyanama yemeje igishushanyombonera cy'imikoreshereze y'ubutaka bw'Akarere inasaba abajyanama gukora ubukangurambaga mu baturage kugirango bitabire imiturire izigama ubutaka hakurikijwe igishushanyombonera. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

10. Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gusobanurira abayobozi ku nzego zose igishushanyombonera ku mikoreshereze y'ubutaka n'abaturage mu Tugari no mu Mirenge.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

11. Inama Njyanama yemeje ''Expropriations'' zasabwe ku buryo bukurikira:

N°	Amazina yaba nyir'amazu	Umudugudu	Akagari	Umurenge	Icyabariwe	Agaciro
1	BAYINGANA J.Bosco	Nyagatama	Nyumba	Gishamvu	Ubwiherero	263,073 frw
2	NYANDWI J.Damascene	Nyagatama	Nyumba	Gishamvu	Inzu	682,873 frw
3	NZEYIMANA Albert	Nyagatama	Nyumba	Gishamvu	Inzu	2,044,651frw
4	YAVANI Alphonse uhagarariwe na MUKAKARENZI Claudine	Nyagatama	Nyumba	Gishamvu	Inzu	1,248,694 frw

5	HABIMANA Joseph uhagarariwe HAKIZIMANA Aloys	Murambi	Mugogwe	Rusatira	Inzu	2,697,434 frw
6	MAJYAMBERE Emmanuel	Murambi	Kimuna	Rusatira	Urugo	820,589 frw
7	MUGABONAKE Etienne	Hanika	Gitovu	Kinazi	Inzu	4,134,881 frw
8	Expropriation yakorewe ahubakwa umuhanda Rwabuye- Gatobotobo mu murenge wa Mbazi					5,873,660 frw
	IGITERANYO					**17,765,858 frw**

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

11. Inama Njyanama yemeje ''Service charter'' ivuguruye y'Akarere, Imirenge n'Utugari nk'uko iri ku mugereka w'ibi byemezo.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

12. Inama Njyanama yemeje ko icyifuzo cy'abaturage ba Huye cyerekeranye no guhindura ingingo n°101 y'Itegeko nshinga gishyikirizwa Inteko ishinga amategeko imitwe yombi kugirango kitabweho, bityo abaturage babone uburenganzira bwo kwitorera umuyobozi ubabereye.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

13. Inama Njyanama yemeje koInama Njyanama itaha izaba kuwa 19/06/2015.Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

Bikorewe i Huye, kuwa 27.03.2015

MUKASINE Marthe
Umunyamabanga w'Inama
Njyanamay'Akarere ka Huye

Rev Prof Viateur NDIKUMANA
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Huye